

ITEGEKO N° 027/2023 RYO KU WA 18/05/2023 RIHINDURA ITEGEKO N° 66/2018 RYO KU WA 30/08/2018 RIGENGA UMURIMO MU RWANDA	LAW N° 027/2023 OF 18/05/2023 AMENDING THE LAW N° 66/2018 OF 30/08/2018 REGULATING LABOUR IN RWANDA	LOI N° 027/2023 DU 18/05/2023 MODIFIANT LA LOI N° 66/2018 DU 30/08/2018 PORTANT RÈGLEMENTATION DU TRAVAIL AU RWANDA
<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLE DES MATIÈRES</u>
<u>Ingingo ya mbere:</u> Kurinda amasezerano y’umurimo y’umugore utwite	<u>Article One:</u> Protection of an employment contract of a pregnant woman	<u>Article premier :</u> Protection d’un contrat de travail d’une femme enceinte
<u>Ingingo ya 2:</u> Amasaha y’akazi	<u>Article 2:</u> Working hours	<u>Article 2 :</u> Heures de travail
<u>Ingingo ya 3:</u> Amasaha y’ikiruhuko mu cyumweru	<u>Article 3:</u> Weekly rest hours	<u>Article 3 :</u> Heures de repos hebdomadaire
<u>Ingingo ya 4:</u> Ubwoko bw’ibiruhuko	<u>Article 4:</u> Types of leave	<u>Article 4 :</u> Types de congé
<u>Ingingo ya 5:</u> Ikiruhuko cyo kubyara ku mugore no ku mugabo	<u>Article 5:</u> Maternity and paternity leave	<u>Article 5:</u> Congé de maternité et de paternité
<u>Ingingo ya 6:</u> Ikiruhuko cy’inyongera mu gihe habaye ingorane zishingiye ku kubyara	<u>Article 6:</u> Additional leave in case of complications related to delivery	<u>Article 6 :</u> Congé supplémentaire en cas de complications liées à l’accouchement
<u>Ingingo ya 7:</u> Ingingo y’ururimi	<u>Article 7:</u> Language provision	<u>Article 7:</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 8:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 8:</u> Entry into force	<u>Article 8 :</u> Entrée en vigueur

ITEGEKO N° 027/2023 RYO KU WA 18/05/2023 RIHINDURA ITEGEKO N° 66/2018 RYO KU WA 30/08/2018 RIGENGA UMURIMO MU RWANDA Twebwe KAGAME Paul , Perezida wa Repubulika; INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA INTEKO ISHINGA AMATEGEKO: Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 4 Gicurasi 2023; Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 30, iya 31, iya 32, iya 33, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120, iya 122, iya 168 n’iya 176; Isubiye ku Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda, mu ngingo zaryo, iya 24, iya 43, iya 44, iya 45, iya 56, n’iya 57;	LAW N° 027/2023 OF 18/05/2023 AMENDING THE LAW N° 66/2018 OF 30/08/2018 REGULATING LABOUR IN RWANDA We, KAGAME Paul, President of the Republic; THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA THE PARLIAMENT: The Chamber of Deputies, in its sitting of 4 May 2023; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 30, 31, 32, 33, 69, 70, 88, 90, 91, 93 106, 120, 122, 168 and 176; Having reviewed Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda, in Articles 24, 43, 44, 45, 56, and 57;	LOI N° 027/2023 DU 18/05/2023 MODIFIANT LA LOI N° 66/2018 DU 30/08/2018 PORTANT RÈGLEMENTATION DU TRAVAIL AU RWANDA Nous, KAGAME Paul, Président de la République; LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA LE PARLEMENT: La Chambre des Députés, en sa séance du 4 mai 2023; Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 30, 31, 32, 33, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 122, 168 et 176; Revu la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda, en ses articles 24, 43, 44, 45, 56, et 57;
---	--	--

YEMEJE: <u>Ingingo ya mbere:</u> Kurinda amasezerano y’umurimo y’umugore utwite Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda ryongewemo ingingo ya 24 <i>bis</i> iteye ku buryo bukurikira: <u>“Ingingo ya 24 bis:</u> Kurinda amasezerano y’umurimo y’umugore utwite Umukoresha abujijwe gusesa amasezerano y’umurimo y’umugore ku mpamvu y’uko atwite.” <u>Ingingo ya 2:</u> Amasaha y’akazi Ingingo ya 43 y’Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda ihinduwe ku buryo bukurikira: “Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano rigena amasaha y’akazi. Rigena kandi ikiruhuko ku munsu n’ikiruhuko mu cyumweru.” <u>Ingingo ya 3:</u> Amasaha y’ikiruhuko mu cyumweru Ingingo ya 44 y’Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda ivanyweho.	ADOPTS: <u>Article one:</u> Protection of an employment contract of a pregnant woman In Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda there is inserted Article 24 <i>bis</i> worded as follows: <u>“Article 24 bis: Protection of an employment contract of a pregnant woman</u> An employer is prohibited from terminating the employment contract of a woman because of her pregnancy.” <u>Article 2:</u> Working hours Article 43 of the Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda is amended as follows: “An Order of the Minister in charge of labour determines working hours. It also determines the daily break and weekly rest.” <u>Article 3:</u> Weekly rest hours Article 44 of Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda is repealed.	ADOPTÉ: <u>Article premier :</u> Protection d’un contrat de travail d’une femme enceinte Dans la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda, il est inséré l’article 24 <i>bis</i> libellé comme suit: <u>« Article 24 bis : Protection d’un contrat de travail d’une femme enceinte</u> Il est interdit à un employeur de résilier le contrat de travail d’une femme en raison de sa grossesse.» <u>Article 2 : Heures de travail</u> L’article 43 de la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda est modifié comme suit : « Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine les heures du travail. Il détermine également la pause journalière et le repos hebdomadaire. » <u>Article 3 : Heures de repos hebdomadaire</u> L’article 44 de la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda est abrogé.
---	---	--

<u>Ingingo ya 4: Ubwoko bw'ibiruhuko</u> Ingingo ya 45 y'Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda ihinduwe ku buryo bukurikira: “Ubwoko bw'ibiruhuko ni ubu bukurikira – (a) ikiruhuko cy'umwaka; (b) ikiruhuko cyo kubyara ku mugore no ku mugabo; (c) ikiruhuko cy'uburwayi; (d) ikiruhuko cy'ingoboka; (e) ikiruhuko rusange; (f) uruhushya.”	<u>Article 4: Types of leave</u> Article 45 of the Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda is amended as follows: “Types of leave are as follows – (a) annual leave; (b) maternity leave and paternity leave; (c) sick leave; (d) circumstantial leave; (e) official public holiday; (f) authorized absence.”	<u>Article 4 : Types de congé</u> L'article 43 de la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda est modifié comme suit: « Les types de congé sont les suivants – (a) congé annuel; (b) congé de maternité et de paternité; (c) congé de maladie; (d) congé de circonstance; (e) jour férié officiel; (f) une permission d'absence.»
<u>Ingingo ya 5: Ikiruhuko cyo kubyara ku mugore no ku mugabo</u> Ingingo ya 56 y'Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda ihinduwe ku buryo bukurikira: <u>“Ingingo ya 56: Ikiruhuko cyo kubyara ku mugore no ku mugabo</u> (1) Umukozi w'umugore wabyaye afite uburenganzira ku kiruhuko cyo	<u>Article 5: Maternity and paternity leave</u> Article 56 of the Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda is amended as follows: <u>“Article 56: Maternity and paternity leave</u> (1) A female employee who has given birth is entitled to a maternity leave. A male employee is also entitled to a	<u>Article 5: Congé de maternité et de paternité</u> L'article 56 de la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda est modifié comme suit: <u>«Article 56: Congé de maternité et de paternité</u> (1) Un travailleur de sexe féminin qui a accouché a droit à un congé de maternité. Un travailleur de sexe

kubyara. Ikiruhuko cyo kubyara kandi gihabwa umukozi w'umugabo igihe umugore we yabyaye. (2) Iyo hari ingorane zibayeho zishingiye ku kubyara, haba ku mugore wabyaye cyangwa ku mwana wavutse, umukozi w'umugore wabyaye n'umukozi w'umugabo ufite umugore wabyaye bahabwa ikiruhuko cy'inyongera. (3) Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano rigena iminsi y'ikiruhuko cyo kubyara, iminsi y'ikiruhuko cy'inyongera n'uburyo bitangwa ku mukozi w'umugore n'umukozi w'umugabo bavugwa mu gika cya (1) n'icya (2) by'iyi ngingo.” <u>Ingingo ya 6: Ikiruhuko cy'inyongera mu gihe habaye ingorane zishingiye ku kubyara</u> Ingingo ya 57 y'Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda ivanyweho.	paternity leave when his spouse has given birth. (2) In the event of complications for a female employee who has given birth or the child born, as related to delivery, a female employee who has given birth and the male employee whose spouse has given birth are entitled to an additional leave. (3) An Order of the Minister in charge of labour determines the number of days for maternity and paternity leave, days of an additional leave and modalities of its entitlement for a female and male employees referred to under Paragraphs (1) and (2) of this Article.” <u>Article 6: Additional leave in case of complications related to delivery</u> Article 57 of Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda is repealed.	masculin a également droit à un congé de paternité lorsque sa conjointe a accouché. (2) En cas complications pour un travailleur de sexe féminin qui a accouché ou pour un enfant né, liées à l'accouchement, le travailleur de sexe féminin qui a accouché et le travailleur de sexe masculin dont la conjointe a accouché, ont droit à un congé supplémentaire. (3) Un arrêté du ministre ayant le travail dans ses attributions détermine le nombre de jours de congé de maternité et de paternité, les jours de congé supplémentaire et les modalités de son octroi pour les travailleurs de sexe féminin et masculin visés aux paragraphes (1) et (2) du présent article.» <u>Article 6 : Congé supplémentaire en cas de complications liées à l'accouchement</u> L'article 57 de la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda est abrogé.
--	--	--

Official Gazette n° Special of 30/05/2023

<u>Ingingo ya 7: Ingingo y’ururimi</u> Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.	<u>Article 7: Language provision</u> This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.	<u>Article 7 : Disposition linguistique</u> La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.
<u>Ingingo ya 8: Gutangira gukurikizwa</u> Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda. Icyakora, ibiteganywa n’ingingo ya 2 yaryo bigira agaciro guhera ku wa 01/01/2023.	<u>Article 8: Entry into force</u> This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. However, provisions of its Article 2 take effect as of 01/01/2023.	<u>Article 8 : Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Toutefois, les dispositions de son article 2 prennent leurs effets à partir du 01/01/2023.

Kigali, 18/05/2023

(Sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(Sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(Sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux